RDB | RWANDA DEVELOPMENT BOARD

# ITANGAZO

## Gufunga by'agateganyo ibigo byakira abantu bitujuje ibisabwa

Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) ruramenyesha abantu bose ko, hashingiwe ku bugenzuzi rwakoze mu rwego rwo kugenzura iyuzuzwa ry'ibisabwa mu bukerarugendo n'amahoteri, ibigo bikurikira byafatiwe icyemezo cyo gufungwa by'agateganyo kubera kutuzuza ibisabwa mu rwego rw'ubukerarugendo n'amahoteri:

1. **Century Park Hotel and Residences** — Nyarutarama, Umujyi wa Kigali
2. **Dove Luxury Hotel** — Akarere ka Gicumbi, Intara y'Amajyaruguru
3. **Highland Resort Ltd** — Akarere ka Rulindo, Intara y'Amajyaruguru
4. **Nengo Eden Park Hotel** — Akarere ka Rubavu, Intara y'Iburengerazuba

Kuhafunga by'agateganyo bikaba bigamije guha umwanya izi hoteri ngo zikemure ibibazo byagaragaye by'imikorere itanoze ku birebana n'impushya zo gukora, isuku, ubuziranenge bw'ibiribwa, umutekano muri rusange, ireme rya serivisi, n'ibindi bisabwa mu cyiciro barimo.

Ibigo byose byafatiwe ibi byemezo birasabwa guhagarika imirimo yose irebana na hoteri n'ubukerarugendo mu gihe bizaba bifunze, kandi ntibishobora gusubukura imirimo mbere y'uko bitanze ibimenyetso bifatika byerekana ko amakosa yakosowe, kandi byamaze kugenzurwa n'inzego zibifitiye ububasha.

RDB iributsa n'ibindi bigo byose byakira abantu kubahiriza mu buryo bwuzuye ibisabwa byose bijyanye n'ubukerarugendo, amahoteri, isuku, umutekano, ubuziranenge bw'ibiribwa, n'itangwa rya serivisi. Kubahiriza ibisabwa ni ingenzi cyane mu kurinda abashyitsi, abakozi, n'abaturage muri rusange, kandi bishimangira ireme n'icyizere by'urwego rw'amahoteri n'ubukerarugendo.

RDB izakomeza gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibisabwa kandi izafata ingamba zikwiye zirebana n'amategeko aho bizaba ngombwa.